

**UBUTUMWA YEZU KRISTU YAHAYE NYIRAMUKIZA VALENTINE
BUJYANYE N'IKI GISIBO N'IKI GUSIBO, NO GUSIBA KWE GUHERA ITARIKI
YA 09/03 YA BURI MWAKA. TARIKI YA 08/03/2023, SAA CYENDA N'IMINOTA
30 Z'IJORO (03H30) I WE (rue J. Wytmsan, n°4 – 1050 Bruxelles).**

Yezu Kristu: Nyiramukiza mwana wanjye nkunda.

Valentine : Karame Papa

Yezu Kristu : Ba uhagaritse gato isengesho ryawe ubanze untege amatwi yombi nkubwire ikizanye urakomereza aho warugereje nyuma.

Valentine : Yego Papa, ndi hano nguteze yombi ngo nkumve, nkumvire kandi ngo nkore ugushaka kwawe kuko ndi igikoresho cyawe n'icy'ab'isi yose.

Yezu Kristu : ikizanye rero muri iri joro ni iki. Ariko untege amatwi ndakubwira neza nyuma.

Icyu mbere, ni uko ejo utazatangira gusiba nkuko wabikoraga, guhera ku itariki ya 09/03/2023 kugeza kuya 20/03/2023, kubera ko ugiye kubabara kurushaho kugirango umfashe gukiza isi nkuko ari byo nagutoreye kandi ni bwo butumwa bwawe mwana wanjye, urabizi. Senga cyane ubishyizeho umwete kuko birakomeye cyane isi igeze aharenga, mwana wanjye. Ni yo mpamvu nkubwiye ko utazasiba kurya no kunywa kuko ububabare bugiye kwiyongera kurushaho ku mubiri no ku mutima kuko ab'iyi si bafite imitima inangiye kandi amakuba arushaho kwiyongera. Ibyo nkubwira byose ni ugusubiramo kuko narabivuze ariko abantu ntibumva ngo basenge bihane bahinduke, ahubwo barushaho kugenda basubira inyuma mwana wanjye. Ibi byose mbikubwiye nguteguza ko ugiye gutotezwa, kubabazwa kugira ngo ibi bisa bigabanuke: intambara, ubwicanyi bw'indengakamere, iohohoterwa,-inzangano, ububeshyi, ubugome, uburyarya, akarengane, umwiryane, ubusambo, ubugome, inzara; n'ibindi bibi byose byifuzwa na bamwe na bamwe bakurikiye inyungu zabo z'ibyi si.

Izi ntambara ziri hirya no hino n'abantu bamwe na bamwe batifuriza abandi amahoro, no gukorera muri iyi si yujujwe umwijima na Shitani. Iyo ntakinga ukuboko kwanje kw'impuhwe zanje, biba bimeze nabi cyane kurushaho. Ni yo mpamvu na we uzahura na byinshi bigutunguye kandi bibabaje kugirango umfashe gutabara iyi isi mwana wanjye, ariko uzabyakire wihangane. Nutotezwa na byo uzabyakire usenge cyane, ubabarire ubikuye ku mutima nkuko ubisanganywe mwana wanjye. Ariko uhumure nzakuba hafi kuko ntibyoroshye kandi ntibizoroha. Ugiye kubabazwa n'ibi bikurikira: Gusabira Kiriziya ngo ihumuke ive mu by'isi byoretse isi bishaka kurimbura izina rya Yezu Kristu rikibagirana , ariko baribeshya ndahari.

Kiriziya ihamagarire abakristu bose bareke ibyo barimo, maze ibashishikarize gukora isengesho rivuye ku mutima ryigisha urukundo, kubabarira no kwiyunga muri byose. Kiriziya ifashe abakristu gusenga basabira ibihugu byabo byugarijwe n'intambara n'ibindi byinshi ntavuze bihangayikishije iy'isi turimo ya none.

Kubabara usabira abategetsi bose b'ibihugu birimo intambara n'amacakubiri. Gusabira ababashagaye bose bakurikiye inyungu zabo z'iby'isi batitaye ku nzirakarengane. Senga cyane kuko ugiye kubabazwa n'ibibera muri Afurika cyane cyane ibihugu birimo imirwano n'ubwicanyi bw'indengakamere, mwana wanjye. Ngibyo ibigiye kukubabaza, usabira u Rwanda na Congo kugira haze amahoro, ubwicanyi bugabanuke kuko biterwa n'abarwanira inyungu zabo n'inyungu za bamwe na bamwe.

Mbona igikomeye abantu batabona ko ibintu bikomeye kubera icyo bita intambara ya Congo n'u Rwanda bikarangiriraho ntibabone ko abantu bapfa buri munsi: abana, urubyiruko, ababyeyi n'abandi bose benshi b'inzirakarengane. Hagiye kuzabamo ibintu bitari byiza bizakora ku bantu bose harimo n'ibihugu byinshi binyuranye birwanirira inyungu zabo kubera ko benshi batemera Imana.

Ibyo byose ni byo ugiye gusengera no guhongerera, ubabara.

Nje kugutegura, abantu mbabwira ko bibagiwe gusenga, banihakana ku mugaragaro ibyo bazi babonye. Ibyo nibyo bitumye nkubwira ko utazasiba kurya no kunywa kuko utegerezwe na byinshi bizakubabaza muri kino gihe cy'igisibo no mu yindi minsi isanzwe.

Na mwe abasenga, nimube bamwe, musenge musabira isi yacu amahoro kuko yugarijwe n'amakuba menshi. Ibindi nzabikubwira ngarutse. Ni ibyo narinje kukubwira mwana wanjye nkumenyesha iby'iki gisibo. Nguhaye umugisha wanjye ku izina ry'Imana Data na Mwana na Roho Mutagatifu. Amina.

Ngaho komereza isengesho ryawe aho warugereje. Uramukeho mwana wanjye.

Valentine : Urakoze cyane Papa. Uramukeho.